



## GUSENGERA

## GUHIMBAZA NO GUSHIMIRA DATA WA TWESE

Kinyarwanda

**Kwibuka no Guhimbaza:** Imirimo Uwiteka yakoze irakomeye! Irondorwa n' abayishimira bose. Umurimo akora ni icyubahiro n' ubwiza. Gukiranuka kwe guhoraho iteka ryose. Yahaye imirimo ye itangaza urwibutso. Uwiteka ni umunyambabazi n' umunyebambe. Zab. 111:2-4.

Ni byiza gutekereza kubwo ubugingo bwacu – gufata umwanya wo kwibuka – hanyuma tugahimbaza no gushima Data wa Twese kubwo ibyo yakoze. Umuririmbyi wa Zaburi muri icyo mirongo yo haruguru aha aravugaga ngo Imana “ituma twibuka imirimo yayo itangaje.” Mbese umuririmbyi wese ni iki akora ngo yibuke? Yisanga mu guhimbaza, no kuririmba ati, “Mbega ukuntu Uwiteka ari umunyambabazi n' umunyebambe!”

Ni iki wumva ushaka guhimbariza Imana? Ni iki wibuka kikagutera umunezero n' ishimwe mu mutima wawe, wibutse uburyo Imana yigaragaje igakora umurimo kandi ikaguhaye ibyo wifuzaga? Ni ukuhe gukora, kwihangana, urukundo, n' umudendezo Imana yaguhaye?

Ariko guhimbaza kwacu ntabwo bigarukira gusa ku migisha Imana ijya iduha. Ubuzima bwacu hari ubwo bunyura no mu bikomeye/bigoye. Ni ibihe bintu bikomeye ujya wisanga ukibirimo n'ubwo waba wamaze kubisengera, nyamara ukabona Imana ikomeje kuba kumwe nawe kandi ikakubera isoko y' ibyiringiro n' amahoro hagati muri icyo kigeragezo?

Muri uku kwezi natwe turi gushima Imana kubwo ibyo yakoze mu muryango wa TWR Abagore b' Ibyiringiro. Amatsinda menshi hirya no hino akomeje gutera intambwe ishimishije mu kwandika no gutunganya ibiganiro byabo ubwabo. Amatsinda y' abanyamasengesho ari gukora umurimo wo gufasha abaturanyi babo, abafunze, ndetse n' abakorewe icuruzwa ry' abantu. Imbutu z' Ijambo ry' Imana zirabibwa no gukura mu mitima y' abakurikira ibiganiro.

Nuko rero, twifatanije n' umuririmbyi wa Zaburi mu kuvugiriza Uwiteka impundu z' ibyishimo. Turayihimbaza no kuyishima kubera ko ari yo Muremyi wacu mwiza, udufata nk' abantu be kandi udukunda urukundo ruhoraho iteka ryose! (Zab 100)

<p><b>1.</b> Kubera umunyeshuri wo muri Asiya yo Hagati wavuganye n’ itsinda ry’ Abagore b’ Ibyiringiro rya Noruveji. Yabateye intege abasaba gukomeza kuba abanyamurava, kuko ibiganiro batanga byamuhindukiye umuyoboro w’ ubugingo mu gihe ari we mukristo gusa wari ku musozi w’ iwabo.</p>	<p><b>2.</b> Kubwo kwiyongera kw’ abantu bumva ibiganiro by’ Abagore b’ Ibyiringiro bo muri Romania bakoresheje Facebook. Iryo tsinda ribasha kugera ku bantu batandukanye mu bigero, mu myigire no mu myemerere itandukanye binyuze muri ubu buhanga.</p>	<p><b>3.</b> Kandi twahisemo gutangaza izina ryawe. Twamamaje imirimo wakoze mu mahanga. Twaririmbye ishimwe ryawe kandi tubwira abantu bo mu isi yose imirimo itangaza yose wakoze. (Zab. 105:1-2)</p>
<p><b>4.</b> Ko Abagore b’ Ibyiringiro bo muri Tanzania btangaza ibiganiro mu rurimi rw’ Ikwishwili ku ma radio 10 ya FM yo mu gihugu. Data, ha abantu benshi kumenya ko uri Umukiza kandi barusheho gukura mu buryo bwo kugirana umushyikirano nawe binyuze muri ibi biganiro.</p>	<p><b>5.</b> Ko itsinda ry’ Abagore b’ Ibyiringiro bo muri Romaniya bazaba bari gukina Ikinamico yerekeye ibyo Amagereza izaba mu Ugushyingo. Turasaba ko ukuri kwawe kwera kuzatangerizwa abafungwa mu buryo bwumvikana kandi nabo bakagira ingamba bafata nyuma yo kuryumva.</p>	<p><b>6.</b> Ko ibiganiro by’ Abagore b’ Ibyiringiro mu Kindoneziya bitangazwa kuri radio 46 zo mu gihugu n’ izindi radio 22 zitangaza mu Kijava. Ibi bigaragara ko Indoneziya hafi yose igiye gushyikirwa n’ ubutumwa, bitanga amahirwe ku bantu batarizera Yesu yo kumva Ijambo ry’ Imana.</p>
<p><b>7.</b> Ko igikorwa cy’ Urugendo rwo gushyigikira Ikwizabutumwa rwo muri Finlandi cyabayemo gukusanya inkunga yo gushyigikira TWR Abagore b’ Ibyiringiro yo mu Buhinde. Itsinda ry’ Abafinlandi rirashimira cyane uburenganzira bwo gutangaza ibya Yesu nta nkomyi hamwe n’ umurimo w’ ikwizabutumwa.</p>	<p><b>8.</b> Kubwo guha aho kuba abagore bakorewe icuruzwa bo muri Albaniya. Ikindi, itsinda ry’ Abagore b’ Ibyiringiro ryashoboye gusangiza ubutumwa bwiza ndetse n’ Ikinamico Ubutunzi Buhishwe (Hidden Treasures) abagore 8 bari baje mu ngando yabo yo mu ki/mpeshyi.</p>	<p><b>9.</b> Ko ubutumwa bwiza buriho bugenda neza muri Ukraine. Turagushimira kubwa bashiki bacu basura ibigo by’ abafoma, ibitaro, ndetse n’ amacumbi y’ abanyeshuri batangamo inyigisho z’ uburere bwiza bwa Gikristo mu mashuri. Ijambo ryawe Mana ritere imbere mu mbaraga!</p>
<p><b>10.</b> Kuko washyize Yesu hejuru cyane kandi ukamuha izina risumba ayandi mazina yose. Kugira ngo amavi yose afukame mu izina rya Yesu, kandi buri rurimi ruhamye ko Yesu Kristo ari Umwami ngo Imana Data wa twese ihimbazwe. (Fili. 2:9-11).</p>	<p><b>11.</b> Kugira ngo abandi bagore benshi bamaze kujya mu itsinda ry’ amasengesho ry’ Abaseribiya kuva ryatangira muri Werurwe 2019. Imana iriho irakomeza imitima yabo mu gihe bakunze cyane gusengana n’ abagore bo mw’ isi yose bari mu bibazo bikomeye.</p>	<p><b>12.</b> Kugira ngo abandi bakorerabushake bo muri Afrika bifatanye n’ amatsinda y’ Abagore b’ Ibyiringiro. Mu nama zabo, abagore bagenda bisungana na bagenzi babo mu gihe basangira kandi berekana urukundo rwo mu mitima yabo.</p>
<p><b>13.</b> Kubera uburyo amatsinda y’ Abagore b’ Ibyiringiro bariho bita kandi bagahindura abafungwa kuba abigishwa ba Yesu. Data, kora umurimo utangaje wo kweza no kugarura ubugingo nyakuri muri aba bagore n’ abagabo.</p>	<p><b>14.</b> Kubwo abagabo n’ abagore uriho utegurira kuzaba ku rugamba rw’ abanyamasengesho bo mu Bufaransa. Zana abandi bizera bo gufatanyaga nabo, Data, kandi ubahe kuba abiringirwa mu gihe bashakashaka mu maso hawe.</p>	<p><b>15.</b> Kuko uri gukorera mu giturage cyo mu gihugu cya Malawi no gukingura imiryango kubwo umurimo w’ Imana. Turaguhimbaza kubwo umupasitori wiyemeje guterana no gusengana n’ abagore 200 kandi akaba yita no ku bapfakazi.</p>
<p><b>16.</b> Ko ari wowe waremye/wahanze ubugingo. Turagushimira ko nyuma y’ imyaka itanu yo kwangirwa, noneho imyigaragambyo ya Feast for Life and March yashoboye gukorwa ku itariki 14 Nzeri 2019 i Zurich mu Busuwisi.</p>	<p><b>17.</b> Ko nk’ uko twakiriyemo Kristo Yesu nk’ Umwami, abe ari ko dukomeze kugendera muri we, dushoye imizi twubatswe muri we, mukomejwe muri we kandi mufite ishimwe riserekaye. (Kol. 2:6-7).</p>	<p><b>18.</b> Ko ibiganiro by’ Abagore b’ Ibyiringiro ubu bitangazwa mu rurimi rw’ Ikitamili. Ubutumwa bwigisha abagore, bukabaha n’ uburyo bwo gushyira mu ngiro ubumenyi ndetse bukaba umugisha no ku bagabo babwumva.</p>
<p><b>19.</b> Ko amasezerano yo mu Ijambo ryawe ari ay’ ukuri kandi ari ayo kwishingikirizaho. Mana, urabona urukundo rwa buri muntu. Kandi mu gihe bagutabaje, urabatabara mu gihe cyawe no mu buryo bwawe.</p>	<p><b>20.</b> Ko ikinamico y’ Ubutunzi Buhishwe (Hidden Treasures) iriho itegurwa mu rurimi rw’ Igikoreya. Senga kugira ngo izabashe gukoreshwa mu gufasha abagore bo muri Koreya ya Ruguru bahungiyemo mu Bushinwa.</p>	<p><b>21.</b> Kubwo abanyamasengesho bo mu gihugu cyose cya Canada basengera ibyifuzo bya buri muni by’ Abagore b’ Ibyiringiro. Ikindi kandi turashimira abakorerabushake b’ abiringirwa bategura amabasha yo gutuma buri kwezi.</p>
<p><b>22.</b> Ko filime nshya ya Café Hanna yo muri Suwedi yamaze gutegurwa kandi ko abagore babaga mu bwihebe bariho bahinduka abagore bafite icyizera n’ ibyiringiro.</p>	<p><b>23.</b> Kubwo abumva ibiganiro by’ Abagore b’ Ibyiringiro muri Porutigali. Bariho barashakashaka uko bavugana n’ itsinda ry’ Abagore b’ Ibyiringiro ngo babamenyeshe ukuntu ibiganiro byabo byabaye umugisha ku buzima bwabo.</p>	<p><b>24.</b> Kuko twatoranijwe, turi abera tutariho inenge imbere y’ Imana. Twaracunguwe kandi twababariwe kubwo ubuntu bwa Kristo. Twashyizweho ikimenyetso cy’ Umwuka Wera. (Efeso 1:4-13).</p>
<p><b>25.</b> Kubera ko muri Mutarama 2019 Abagore b’ Ibyiringiro bo muri Etiyopiya bizihije isabukuru y’ imyaka icumi imaze itangiyemo. Data, komeza kubayobora no kubaha ibyo bakeneye muri uyu murimo.</p>	<p><b>26.</b> Kuko tugomba kwishima iteka, dusenga ubudasiba kandi dushima mu bibaho byose, kuko ibi aribyo dushakwaho muri Kristo Yesu. (1 Tes. 5:16-18).</p>	<p><b>27.</b> Kubwo kohereza itsinda ry’ abantu bafite impano zo gutegura ibiganiro bya radio bakaba bari gutangiza ibiganiro by’ Abagore b’ Ibyiringiro mu rurimi rw’ IkiVietnamu n’ IkiJapani</p>
<p><b>28.</b> Kubwo amatsinda menshi mato mato n’ imiryango byiteguye gukwirakwiza ikinamico yafashwe amajwi yitwa Ubutunzi Buhishwe “Hidden Treasures” mu Turere two mu Budage tubujijwe kwinjiramo.</p>	<p><b>29.</b> Kubwo imyaka 60 y’ ubufatanye hagati ya TWR na ERF byo mu Budage no kubwo ubufatanye bwa ERF n’ Abagore b’ Ibyiringiro kuva nko mu gihe yatangiraga.</p>	<p><b>30.</b> Kuko tudakwiye kwiganyira twibaza ibyo tuzarya cyangwa tuzanywa cyangwa tuzambara, kuko turi aba Data wo mu ijuru, kandi uzi ko ibyo byose tubikeneye. (Mat. 6:31-32)</p>